# MENYA AMATEGEKO.

**Imiturire ikwiye bishatse kuvugako abantu bose bafite ubushobozi bungana mu guhabwa amahirwe yo gukodesha, kugura, kubona inguzanyo yo kugura inzu no kubona ubwishingizi bwumutungo.**

**Menya amategeko yakurengera mugihe habaye ivangura mu byerecyeranye n'amazu.**

**MU KARERE:** Imigi myinshi ifite inzego ziharanira uburenganzira bw'ikiremwa muntu n'abaturage, zikaba zirwanya ivangura mu mazu. ushobora guhamagara mubiro by'akarere kawe ukababaza amakuru arambuye.

**LETA:** "Itegeko ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu muri Iowa" (Kode ya Iowa 216) ribuza ivangura rishingiye ku moko, ibara ry'uruhu, igitsina, icyerekezo cy'imibonano mpuzabitsina, ikikuranga, idini, aho wakomotse, ubumuga bwo mu mutwe, ubumuga bw'umubiri, n'imiterere y'umuryango (kuba hari abana mururugo).

**FEDERAL:** Itegeko ry'uburenganzira bw'ikiremwa muntu mu 1866 ribuza ivangura mu miturire kubera ubwoko cyangwa ibara ry'uruhu. Itegeko ry'uburenganzira bw'ikiremwa muntu ryo mu 1968, Umutwe wa VIII, n'Itegeko rivugurura imiturire ikwiye mu 1989 ribuza ivangura mu miturire kubera ubwoko, ibara, igitsina, idini, igihugu ukomokamo, ubumuga, ndetse n'imiterere y'umuryango.

——

Imiterere yumuryango, cyangwa kuba hari abana murugo, birinda imiryango ifite abana bari munsi y'imyaka 18. Ikindi ikarengera n' imiryango ishaka kurera umwana yaba uriho n'utaravuka. Aha hari ikidasanzwe kuri iki gice cyamategeko: ibice byagenwe nk "amazu yabantu bakuze."

Ba nyiramazu barasabwa n'amategeko kwemerera guhindura amazu muburyo bwumvikana (ku kiguzi cy'abakodesha) no gushyira uburyo buborohereza mu ngamba ngenderwaho hagamijwe gukemura ibibazo by'abafite ubumuga.

INTEGO YA LETA YA IOWA:

Ubwisanzure bwacu igihembo cyacu kandi uburenganzira bwacu tuzabukomeza

## INSHINGANO ZACU NI LETA ITARANGWAMO IVANGURA.


Komisiyo yakira, igaperereza, kandi ikanacyemura ibirego by'akarengane kaba kabonetse mu kazi, mu by'amazu, mubufasha rusange, mu nguzanyo, no muburezi.

Komisiyo ishobora gutanga abavuga na gahunda ku ngingo z'uburenganzira bw' ikiremwa muntu, wongeyeho n' imiturire ikwiye. Hari inyandiko zijyanye n'ibyivangura ziboneka k ubuntu k uzicyeneye.

Komisiyo ishobora gukora igeragezwa rya ba nyiramazu, ubucuruzi, n'abakoresha kugira ngo bige imiterere n'ivangura muri Iowa, no kumenya niba amategeko y'uburenganzira bwa muntu akurikizwa.

**Wahamagara kuri izi numero 515-281-4121, 800-457-4416, Cyangwa ukandika: icrc@iowa.gov.**

IOWA CIVIL RIGHTS COMMISSION



# IMITURIRE IKWIYE.

## MENYA UBURENGANZIRA BWAWE.

IOWA CIVIL RIGHTS COMMISSION

**USHOBORA GUSURA KURI IYI ADDRESS**

**Grimes State Office Building**
400 East 14th Street
Des Moines, IA 50319

**KANDA:** icrc.iowa.gov

**HAMAGARA:** 515-281-4121 or 800-457-4416 (within Iowa only)

**EMAIL** icrc@iowa.gov

## IBI BYABA BYARAKUBAYEHO?

- Ubonye itangazo ry'amazu akodeshwa wumva arakunyuze nuko uhamagara numero bashyizeho. N'uko umenya ko iyonzu itarimo abantu uhita uza kuyireba. Uhageze barakubwira" tubabajwe no kukumenyesha ko yafashwe n'abandi."
- Mugihe urigushaka inzu yo kugura, amazu yose umuntu ushinzwe kugurisha amazu akweretse ugasanga ari mugace runaka, nuko uwo muntu akakubwira ati "Ndumva kariya gace kakubereye" cyangwa ngo "Nzi neza ko utazishimira muri kariya gace."
- Uhamagaye ugirango ubaze iby'amazu akodeshwa, n uko usobanurira ubishinzwe ko ari wowe N'umwana wawe muto, aragusubiza "iyi nzu iri mu igorofa rya kabiri ifite n'urubaraza. Ntabwo haba ari ahantu heza kumwana.
- Ugiyegusaba inguzanyo yo kugura inzu, ariko banki ivuga ko utujuje ibyangombwa bisabwa. Ntiwiyumvisha impamvu wangiwe inguzanyo - mugihe wagize ibibazo byubukungu mubihe byashize, ubu ufite amafaranga ahagije hamwe n'ibyiza byinguzanyo.
- Urimo kugura inzu kandi urashaka kugura ubwishingizi bwa banyiri amazu. Ariko umukozi wubwishingizi akubwira ko batandika politiki z'amazu mugice cyumujyi utuyemo.
- Ufite ubumuga bwo kutabona kandi ufite imbwa ikuyobora, ariko ushinzwe amacumbi ntazagukodesha kubera ko bagendera kuri politiki ya "nta tunyamaswa tubana n'abantu munzu".
- Urabaza ibyerecyeranye n'icumbi, ikiguzi cyo gukodesha n'ayo utanga mbere (deposit) bari hejuru kurenza iby'abandi bakodesha biteganijwe kwishyura.tenants are expected to pay.

**Niba ibi cyangwa ibisa nkibi byarakubayeho, ushobora kuba warakorewe ivangura riboneka mu mazu.**





## GUTANGA IKIREGO

**Menyesha komisiyo ishinzwe uburenganzira bw' iremwamuntu muri Iowa kugira ngo umenye amakuru yerekeranye no gutanga ikirego cy'ivangura.**

**HAMAGARA 515-281-4121** or **800-457-4416**

**SURA icrc.iowa.gov**

**Grimes State Office Building**
400 E. 14th Street, Des Moines
8:00 AM to 4:30 PM (Mon- Fri)

- Gutanga ikirego ntibyishyuzwa.
- Inzobere mu miturire ikwiye izagufasha, kumenya niba ufite impamvu zo gutanga ikirego, kandi igufashe no kuzuza urupapuro rwabigenewe.
- Komisiyo izatanga ikirego cyawe muri Minisiteri ishinzwe imiturire n'iterambere ry'imijyi muri Amerika (HUD mu magambo ahinnye y'Icyongereza) kugira ngo irengere uburenganzira bwawe niba ibintu biteganijwe n'amategeko ya federal.

---

**Ikirego kigomba gutangwa mugihe cy'iminsi 300 uhereye igihe igikorwa k'ivangura cyabereye, nkuko amategeko ya Iowa abiteganya.**

Ikirego gishobora kandi gutangwa muri HUD mugihe cy'umwaka umwe cyangwa kigatangwa murukiko rwigenga mugihe cy'imyaka ibiri.

## NATANZE IKIREGO. HARAKURIKIRAHO IKI?

1. **Uvuga ko watanze ikirego iyo cyakiriwe na komisiyo.**
2. **Imenyekanisha ry'ikirego rizoherezwa umuntu cyangwa isosiyete baregeye ikirego, kandi bazahabwa umwanya wo gusubiza.**
3. **Ushinzwe iperereza azahabwa gukora iperereza ritabogamye kandi ryuzuye. Abatangabuhamya bazahamagarwa kandi hasuzumwe inyandiko zibishinzwe. Ababuranyi bashobora kandi guhabwa amahirwe yo Kumvikana kubushacye.**
4. **Umucamanza wo mubutegetsi azagena niba hari impamvu zishobora kwemeza ko ivangura ryabaye.**
5. **Impamvu zishobora kubaho niba hari impamvu zifatika zemeza ko ivangura ryabayeho. Niba nta mpamvu ishobora kuboneka, ikirego nticyakiriwa, hashingiwe ku burenganzira bwo kujurira.**
6. **Nyuma y'impamvu zishobora kuboneka, impande zombi zashobora guhitamo gukemura amakimbirane mu rukiko rw'intara, cyangwa mu ruhame imbere ya Komisiyo.**